

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 004/03 RYO KU WA 16/02/2021 RIGENA URWEGO RUBARA KANDI RWAKIRA IMISORO N'AMAHORO MU IZINA RY'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE Minisitiri w'Intebe; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruye mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'ya 176; Ashingiye ku itegeko n° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 58; Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 161/03 ryo ku wa 12/09/2019 rigena urwego rubara kandi rukakira imisoro n'amahoro mu izina ry'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage; Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;	PRIME MINISTER'S ORDER N° 004/03 OF 16/02/2021 DETERMINING THE INSTITUTION IN CHARGE OF ASSESSMENT AND COLLECTION OF TAXES AND FEES ON BEHALF OF DECENTRALISED ENTITIES The Prime Minister; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176; Pursuant to Law n° 75/2018 of 07/09/2018 determining the sources of revenue and property of decentralized entities, especially in Article 58; Having reviewed the Prime Minister's Order n° 161/03 of 12/09/2019 determining the Institution in charge of assessment and collection of taxes and fees on behalf of decentralised entities; On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 004/03 DU 16/02/2021 DÉTERMINANT L'INSTITUTION CHARGÉE DE L'ÉVALUATION ET DE LA COLLECTE DES IMPÔTS ET DES TAXES POUR LE COMPTE DES ENTITÉS DÉCENTRALISÉES Le Premier Ministre; Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176; Vu la loi n° 75/2018 du 07/09/2018 déterminant les sources de revenus et du patrimoine des entités décentralisées, spécialement en son article 58; Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 161/03 du 12/09/2019 déterminant l'Institution chargée de l'évaluation et de la collecte des impôts et taxes pour le compte des entités décentralisées; Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Économique;
--	--	---

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/10/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; ATEGETSE: <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena urwego rubara kandi rukakira imisoro n'amahoro mu izina ry'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturatione. Rishyiraho kandi ikiguzi cy'iyi mirimo. <u>Ingingo ya 2:</u> Urwego rushinzwe kubara no kwakira imisoro n'amahoro mu izina ry'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturatione Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro gishinzwe kubara no kwakira imisoro n'amahoro mu izina ry'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturatione. Kugira ngo cyirangize inshingano ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro gikoreshe abakozi bacyo. Gishobora kandi gukoresha urundi rwego hashingiwe ku masezerano kigirana n'urwo rwego n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione bireba.	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 12/10/2020; ORDERS: <u>Article one:</u> Purpose of this Order This Order determines the institution in charge of assessment and collection of taxes and fees on behalf of decentralized entities. It also fixes the cost of these services. <u>Article 2:</u> Institution in charge of assessment and collection of taxes and fees on behalf of decentralized entities The Rwanda Revenue Authority is responsible for assessment and collection of taxes and fees on behalf of decentralized entities. In order carry-out the duty referred to in Paragraph one of this Article, Rwanda Revenue Authority deploys its staff members. It may also use another organ based on an agreement it concludes between the Organ, and the concerned decentralized entity.	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 12/10/2020; ARRÊTE: <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine l'institution chargée de l'évaluation et de la collecte des impôts et taxes pour le compte des entités décentralisées. Il fixe également les frais de ces services. <u>Article 2:</u> Institution chargée de l'évaluation et de la collecte des impôts et des taxes pour le compte des entités décentralisées L'Office Rwandais des Recettes est chargé de l'évaluation et de la collecte des impôts et taxes pour le compte des entités décentralisées. Afin de s'acquitter de la tâche visée a alinéa premier du présent article, l'Office Rwandais des Recettes utilise les membres de son personnel. Il peut également utiliser un autre organe, sur la base d'un accord qu'il conclut entre cet organe et l'entité décentralisée concernée.
--	--	---

Minisitiri ufite imisoro n'amahoro mu nshingano ashobora gushyiraho amabwiriza agenga ubufatanye hagati y'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. <u>Ingingo ya 3: Ikiguzi cy'imirimo yo kubara no kwakira imisoro n'amahoro</u> Ikiguzi cy'imirimo yo kubara no kwakira imisoro n'amahoro gishyizweho ku buryo bukurikira: 1° gatanu ku ijana (5%) by'igiteranyo cy'imisoro yakiriwe buri kwezi kandi igashyirwa kuri konti y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage; 2° icumi ku ijana (10%) by'igiteranyo cy'amahoro yakiriwe buri kwezi kandi agashyirwa kuri konti y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage. Ikiguzi cy'imirimo yo kubara no kwakira imisoro n'amahoro cyishyurwa buri kwezi n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage.	The Minister in charge of tax and fees may issue instructions on the partnership between Rwanda Revenue Authority and decentralised entities. <u>Article 3: Cost of services of assessment and of collection of taxes and fees</u> The cost of services of assessment and collection of taxes and fees is fixed as follows: 1° five per cent (5%) of the total amount of taxes collected monthly and deposited into the account of the decentralised entity; 2° ten per cent (10%) of the total amount of fees collected monthly and deposited into the account of decentralised entity. The cost of services of assessment and collection of taxes and fees is paid monthly by the decentralised entity.	Le Ministre ayant les impôts et taxes dans ses attributions peut émettre des instructions sur le partenariat entre l'Office Rwandais des Recettes et les entités décentralisées. <u>Article 3: Frais des services de l'évaluation et de la collecte des impôts et des taxes</u> Les frais des services de l'évaluation et de la collecte des impôts et des taxes sont fixés comme suit: 1° cinq pourcent (5%) du montant total d'impôts collectés mensuellement et versés sur le compte de l'entité décentralisée; 2° dix pourcent (10%) du montant total des taxes collectées mensuellement et versées sur le compte de l'entité décentralisée. Les frais de services d'évaluation et de la collecte des impôts et des taxes sont mensuellement payés par l'entité décentralisée.
---	--	---

<u>Ingingo ya 4:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi na Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. <u>Ingingo ya 5:</u> Ivanwaho ry’iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka Iteka rya Minisitiri w’Intebe n° 161/03 ryo ku wa 12/09/2019 rigena urwego rubara kandi rukakira imisoro n’amahoro mu izina ry’inzego z’imitegekere y’Igihugu zegerejwe abaturage n’ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. <u>Ingingo ya 6:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 4:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order The Minister of Finance and Economic Planning and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order. <u>Article 5:</u> Repealing provision The Prime Minister’s Order n° 161/03 of 12/09/2019 determining the institution in charge of assessment and collection of taxes and fees on behalf of decentralized entities and all prior provisions contrary to this Order are repealed. <u>Article 6:</u> Commencement This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 4:</u> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté Le Ministre des Finances et de la Planification Économique et le Ministre de l’Administration Locale sont chargés de l’exécution du présent arrêté. <u>Article 5:</u> Disposition abrogatoire L’Arrêté du Premier Ministre n° 161/03 du 12/09/2019 déterminant l’institution chargée de l’évaluation et de la collecte des impôts et taxes pour le compte des entités décentralisées et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés. <u>Article 6:</u> Entrée en vigueur Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	--	--

Kigali, 16/02/2021

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

(sé)

Dr NDAGIJIMANA Uzziel

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Minister of Finance and Economic Planning
Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux